REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan, MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

MU BIRORI BYO KWIZIHIZA UMUNSI W'UMUGANURA MU ITORERO INDANGAMIRWA ICYICIRO CYA 11

Gabiro, *CTC* , kuwa 03 Kanama , 2018

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*

- **Indamukanyo mu Gutangira: « Intore » !**
- **Bagasubiza : « Ijabo riduhe Ijambo »**

- **Bayobozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Itorero;**
- **Bashyitsi Bahire mwese muteraniye hano ;**
- **Ntore zacu z'Indangamirwa ;**
- **Rubyiruko rw'u Rwanda ;**

1. **Muraho Neza.**
2. **Munyemerere ntangire mbifuriza umunsi mukuru mwiza w'Umuganura.**
3. **Kwizihiza Umuganura ni uburyo bwo gukomeza kubungabunga umuco wacu.**
4. **Indirimbo mwaririmbye, umuvugo twumvise, igitabo twaganujwe, ibyo twabonye mwagezeho muri uyu mwaka mwatuganuje na *video* y'abatozwa tumaze kubona byose birashimangira akamaro k'umuganura mu iterambere ry'Igihugu n'Urugendo turimo rugamije Kwigira.**
5. **Itegeko Nshinga rya Repububulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 rishimangira ko umuco nyarwanda ari isoko yo kwishakamo ibisubizo.**
6. **Itegeko Nshinga riteganya ko Umunyarwanda wese afite Uburenganzira ku biteza imbere umuco w'Igihugu n'inshingano yo kuwuteza imbere.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*

7. **Umuco w'abantu, ni ubuzima bwabo, niwo ubaranga, ukaba n'ishingiro rihamye ry'imibereho n'iterambere rirambye ryabo, ukabahuza.**

8. **U Rwanda rwahisemo guha agaciro umuco warwo.**

9. **Umuco niwo uranga Igihugu, ukanagitandukanya n'ibindi.**

10. **Iyo umuco uhawe imbaraga uba inkingi y'iterambere rirambye.**

11. **Nyuma y'urugamba rwo kubohora u Rwanda mu 1994, Abanyarwanda twahisemo kuba Igihugu cyishakamo ibisubizo bishingiye ku muco uduhuza.**

12. **Muri urwo rwego, Umunsi w'Umuganura wahawe agaciro gakomeye.**

13. **Ni umunsi utuma turushaho kuzirikana urugamba turimo rw'iterambere.**

14. **Iterambere rirambye ry'Igihugu cyacu rigomba kuvoma imbaraga mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda zirimo gukorera hamwe, kwitanga, kurangwa n'ubutwari n'ubudashyikirwa no gukunda Igihugu aho turi hose tukagendana u Rwanda ku mutima.**

15. **Kwizihiza umuganura ni uburyo kandi bwo gukomeza gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda no gusabana.**

16. **Umuganura ni ishingiro ryo kwigira.**

17. **By'umwihariko, kwizihiza Umuganura ni umwanya wo kuzirikana umusaruro Igihugu cyacu kigenda kigeraho mu byiciro binyuranye haba mu bukungu, mu mibereho myiza , mu miyoborere, mu bikorwa remezo n'imiturire myiza ndetse n'ububanyi n'amahanga nkuko mwabigaragaje.**

18. **Abanyarwanda cyane cyane mwebwe Rubyiruko rwacu murasabwa kuvoma mu muco w'abakurambere bacu kuko harimo byinshi byo kwigiraho byaduteza imbere - harimo IMIHIGO.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*

19. Abakozi b'u Rwanda basabwa gukorera ku Mihigo igamije Umusaruro no kuba Indashyikirwa mu byo bakora.

20. Abesheje Imihigo kurusha abandi bakabishimirwa mu ruhame.

21. Nk'uko byavuzwe, muzi neza ko Umutwe w'Indahangarwa uri hano urimo Abakozi babaye indashyikirwa.

22. Ndasaba Indahangarwa mwese muri hano gukomeza uwo muco wo guharanira kuba Indashyikirwa mu kwesa Imihigo.

23. Mu kazi mukora mujye muharanira kuba ba Mihigo, ba Rwabigwi, ba Nkore neza bandebereho.

24. Mukomeze mube Indangamirwa aho mukorera, mubere abandi Icyitegererezo.

25. Urubyiruko rwacu rugize Umutwe w'Indirira namwe, Bana b'u Rwanda dukunda, ndabasaba ko aho muri hose hirya no hino mu Gihugu ndetse no mu Mahanga mujye muharanira kudateshuka ku budasa bw'umuco nyarwanda.

26. Muzakomeze murangwe n'indangagaciro z'Umuco nyarwanda, ubonye uko mwitwara n'umusaruro mugaragaza mu bikorwa binyuranye ajye abona ko muri ishema ry'u Rwanda.

27. Mu nzego z'Imirimo ya Leta, Abakozi b'u Rwanda bamaze iminsi basuzuma ibyo bagezeho mu Mihigo y'Umwaka ushize.

28. Bamaze iminsi kandi bahiga imihigo y'uyu mwaka mushya w'ingengo y'imari twatangiye muri Nyakanga.

29. Ndongera kubashimira cyane ko mwanganuje mukangezaho ibikorwa by'indashyikirwa namwe mwagezeho.

30. Umusaruro mwangaragarije urerekana ko mwahawe imbuto nziza z'indobanure kandi mwazibyaje umusaruro mwiza.

31. Umusaruro wanyu ni wo twahereyeho tuganura uyu munsi.

32. Twaganuje abana bacu twishimira ibyo mwagezeho uyu mwaka.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*

33. Twabonye imbaraga zo kongera umusaruro mu mwaka mushya dutangiye.

34. Nta gushidikanya ko iri Torero mwitabiriye ribahaye imbuto zihagije zizabafasha gukomeza gutanga umusaruro mwiza.

35. Imbuto mbahaye uyu munsi zirimo ubushobozi bunyuranye mwubakiwe n'indangagaciro mwatojwe mu gihe mumaze hano.

36. Mwahawe imbuto z'indobanure.

37. Nta gushidikanya, imbuto mwahawe zizatanga umusaruro mwiza aho muzaba muri hose, haba mu kazi ndetse no mu buzima busanzwe.

38. Imbuto muhawe si izo guhunika. Ni imbuto zo gutera no kubyazwa umusaruro.

39. Ndabasaba rero gukomeza kuba Indangamirwa mukagira uruhare rukomeye mu Iterambere ry'Igihugu cyacu.

40. Ni mwe nkingi zitajegajega zubakiyeho Ingamba z'Iterambere ry'u Rwanda *(National Strategy for Transformation* na *Vision 2050).*

41. Mu buzima bwanyu muzahorane ibyo muganuza abandi, muzahorane Ijambo mu ruhame rw'abivuga Ibigwi.

Bayobozi ba Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu ;

Bashyitsi Bahire ;

Ntore z'Indangamirwa ;

42. Mukomeze kugira Umunsi mwiza w'Umuganura.

43. Ndabashimiye cyane.

44. Murakoze.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @RwandaLabour*